ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

# Itangazo rigenewe itangazamakuru

## ABANYARWANDA BAFITE INYUNGU MU GUKURAHO IGITUGU KIBATSIKAMIYE AHO KURWANA N'ABANYEKONGO.

Nyuma y'uko Perezida Paul Kagame atangaje kuri Radio France 24[i] ko u Rwanda rwiteguye kurwana na Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo, ibyo akaba anabitsindagira mu ngendo akora yiyamamaza, Ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seth Sendashonga, Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique (ISCID asbl) kirageza ku banyarwanda bose no ku nshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira :

1) Hashize imyaka 30 FPR Inkotanyi ifashe ubutegetsi binyuze mu ntambara yarangiye mu mivu y'amaraso. Muri iyo myaka yose Perezida Paul Kagame n'agatsiko k'abantu bake bikubiye ubutegetsi bakoresheje politiki y'ubwicanyi n'iterabwoba, igihugu bagishora mu ntambara zitajya zirangira kandi zihitana abana b'u Rwanda benshi. Biteye inkeke kumva ko nyuma y'intambara u Rwanda rumazemo imyaka irenga ibiri mu ntara ya Kivu y'amajyararuguru rwihishe inyuma y'inyeshyamba za M23 ubu noneho leta yitegura kurwana mu ntambara yeruye na Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo. Ibyo biraba mu gihe abanyarwanda benshi imbere mu gihugu bitagira ubwinyagamburiro ku buryo badafite ubushobozi bwo kwamagana politiki ya gashozantambara ije yongera ibibazo ku byo bari basanganywe. Ubutegetsi bumaze imyaka 30 bumena amaraso burasa nk'aho nta yindi turufu bufite yo gukomeza kugira abanyarwanda ingwate yabwo uretse kubashora mu ntambara idafite ikindi izabungura uretse kubashegesha no kubateranya n'abaturanyi.

2) Ibibazo biri hagati y'u Rwanda na Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo bifite inkomoko kuri politiki ya FPR Inkotanyi yo kumva ko ubukungu bw'abagize agatsiko kari ku butegetsi mu Rwanda bugomba guturuka mu busahuzi bw'amabuye y'agaciro icyo gihugu cy'abaturanyi gikizeho. Ni muri urwo rwego u Rwanda rugiye kumara imyaka irenga 25 rubarirwa mu bihugu bya mbere ku isi bigemura amabuye y'agaciro ku

masoko mpuzamahanga. Ibyo byatumye hari benshi bagiye bashimagiza ubutegetsi bw'igitugu bwa Perezida Paul Kagame bavuga ko yazamuye ubukungu bw'u Rwanda ku kigero kidakunze kuboneka ahandi ku isi. Iyo mpamvu nyamukuru (ubukungu) ntabwo ivugwa ku mugaragaro kuko byakumvikana nabi (intambara y'ubusahuzi) akaba aribyo bituma hagomba ibindi bisobanuro. Ni muri ubwo buryo ikibazo cy'abanyamulenge n'abandi batutsi bo muri Kongo cyagizwe iturufu ikomeye ya politiki muri iyi myaka 30 FPR imaze ku butegetsi. Impunzi z'abanyekongo ziri mu nkambi mu Rwanda zahindutse ingwate y'ubutegetsi bw'u Rwanda nk'ikimenyetso cy'uko abatutsi bakorewe jenoside mu w'1994 bakomeje kugira ibibazo mu karere no  muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo by'umwihariko. Indi turufu ikomeye y'ubutegetsi bwa FPR yitwa FDRL. Uyu ni umutwe w'inyeshyamba witwa ko washinzwe n'abakoze jenoside mu Rwanda mu w'1994. Uwo mutwe warahizwe cyane, bamwe mu bayobozi bawo baricwa abandi bishyira mu maboko ya leta ya Kigali ariko mu nyungu za FPR uwo mutwe ugomba gukomeza kubaho kuko wifashishwa mu gusobanura politiki yo kujyana ingabo z'u Rwanda muri Kongo ku mpamvu z'ubusahuzi.

3) Kuba ubutegetsi bwa Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo bwariyemeje kandi bugashyira ingufu nyinshi mu kurwana n'inyeshyamba zikoreshwa muri ubwo busahuzi ni ikibazo giteye inkeke kuri Perezida Paul n'abambari be kubera ko bishobora kugira ingaruka nyinshi mu bukungu na politiki y'igihugu harimo no kuba byakwihutisha impinduka mu Rwanda. Niyo mpamvu intambara yeruye hagati y'ibihugu byombi ishobora kuba ariyo turufu ya nyuma Kigali irimo gutegura. Bamwe mu basesenuzi bavuga ko Kagame  yizera ko byamwohera gufata imijyi nka Goma na Bukavu yegereye umupaka w'u Rwanda bigatuma ubutegetsi bw'i Kinshasa bucisha make bukemera imishyikirano. Icyo ibi byaba bisobanura nuko intambara yeruye hagati y'ibihugu byombi ari uburyo bwo gukomeza intambara yitirwaga inyeshyamba za M23.

4) Institut Seth Sendashonga irahamagarira abanyarwanda aho bari hose n'abandi bose bakunda amahoro kwamagana iyi politiki ya gashozantambara

ikomeje kuyogoza akarere. Uretse ubwiyahuzi ubu koko abanyarwanda bafite iyihe nyungu mu kurwana n'abaturanyi babo ba Kongo mu gihe n'umupaka hagati y'u Rwanda n'u Burundi ufunze ? Ubu koko birakwiye ko ibihugu byo mu karere k'ibiyaga bigari byigwizaho inguzanyo zo kugura indege z'intambara n'ibindi bitwaro bya karundura aho gushora ayo mafaranga mu mishinga ifasha abaturage kubona imirimo no kubakura mu bukene ? Tuzakomeza koko kurebera iyi politiki y'irondakoko ishaka kwemeza ko Perezida Paul Kagame afite ububasha bwo kwinjira mu bibazo bya buri gihugu akurikiranye uburyo abatutsi babayeho ndetse n'aho badafite ibibazo akabihajyana ? Ingengabitekerezo ya jenoside izakomeza kugirwa iturufu y'ubutegetsi bwa FPR kugeza ryari ?


Ibibazo nk'ibi nibyo byagombye kuba biganirwaho muri iki gihe abanyarwanda bitegura amatora ariko ntibishobora kuganirwaho imbere mu gihugu kuko mu by'ukuri n'ayo matora ni umuhango gusa kuko nta bwisanzure buhari kandi abaturage nta mahitamo bafite.

Birakwiye ko muri iki gihe cyo kwibuka isabukuru y'imyaka 30 intambara yahekuye u Rwanda irangiye ibi bibazo by'ingutu bizirikanwa hagamijwe gushaka inzira yo kubisohokamo.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 29 Kamena 2024

Jean-Claude Kabagema

Perezida wa ISCID asbl



[i] FRANCE 24: Rwanda 'ready to fight' with DR Congo if necessary, President Paul Kagame says… https://youtu.be/GkYITUcuiRg

ISCID asbl
Avenue de l'Exposition 460/17
1090 Jette, Belgique
www.institut-SethSendashonga.org